Ikigo IUED cyashyizweho mu mwaka w'1961, gishinzwe kwita ku bibazo by'amajyambere muri rusange. Gitanga inyigisho zinyuranye, zihuza tewori no gushyira mu bikorwa, zubahiriza imico mu butandukanire no mu gacira bwite byayo, n'ibitekerezo bitari bimwe.

IUED ikora ubushakashatsi bujyana n'ibikorwa mu by'ubuzima, amajyambere y'icyaro, amazi, n'ubukorikori.

IUED kandi icungira Leta y'Ubusuwisi porogaramu z'ubutwererane, ikanakora imilimo yindi ishingwa n'imiryango itsura amajyambere.

Ku bireba isoko y'umutungo wayo, IUED ishyigikiwe na Leta y'Ubusuwisi, na Leta ya kanto ya Jeneve. Ahandi ikura umutungo ni ku milimo ikorera abayitumye.

Byahinduwe mu kinyarwanda na NGABONZIZA Damien na NSENGIYUMVA Marie-Joséphine.

Nyakanga, 1995.

IUED

KUGIRANGO
UMUCO WO KUDAHANA
ABAGIZI BA NABI
WABAYE AKARANDE
MU RWANDA
NO
MU BURUNDI
UCIKE BURUNDU

Ibyemejwe n'abagize
Urwunge rw'ubwumvikane n'ubwiyunge
mu
Karere k'Ibiyaga Binini

Inyandiko yumvikanyweho n'abagize akanama bose

«Akanama k'ubwunvikane n'ubwiyunge mu karere k'Afrika y'Ibiyaga Bigari», Jeneve

IUED ikurikirira hafi ibibera mu Rwanda no mu Burundi kuva mu mwaka w' l 960: ari ibireba abanyeshuri bayigamo n'abahakorera ubushakashatsi, cyanwa bahabonera amahugurwa, ari iby'inyigisho na porogaramu ku bireba ubutwererane mhuzamahanga.

Muli kamena 1994, abanyeshuli ba IUED, abayizemo, n'abayikoramo biyemeje gushyiraho akanama ko kubahuza na bamwe mu bakomoka muri ibyo bihugu babarizwa i Jeneve na Lozane, kugirango bungurane ibitekerezo mu gushaka ubwunvikane n'ubwiyunge bw'abavuka mu karere k'Afrika y'Ibiyaga Bigari.

Ako kanama gahuza abagabo n'abagore bakomoka mu Rwanda, Burundi, Zayire, na Uganda; barimo abanyeshuli, abalimu, intumwa z'ibihugu, abakozi b'imiryango mhuzamahanga; barimo imhunzi, iza vuba aha n'izo hambere, barimo abarebwa n'ibibazo byo muri ako karere kimwe n'abindorerezi, bahujwe bose no gushira amanga mu kuvuga ibibazo n'imibabaro banyuzemo, no kugira ubushake bwo guhurira hamwe buri gihe cyagenwe, bakaba bamaze amezi atandatu batekereza ku bihe bizaza.

Aya mezi atatu ashize yahariwe cyane cyane gutegura inyandiko irimo ibitekerezo byerekana uko umuco wo kudahana abakoze ibyaha wacika burundu mu Rwanda no mu Burundi. Iyi nyandiko yunvikanyweho n'abagize kariya kanama kuwa 14 ukuboza 1994.

Iyi nyandiko irashyira ahagaragara amahame y'ubutabera na politiki, kugirango bibe umusemburo w'imhaka hagati y'abakomoka mu karere k'Afrika y'Ibiyaga Bigari, cyane cyane abanyarwanda n'abarundi. Ni ukuvuga rero ko ibitekerezo bikubiyemo biri mu rwego rw'akarere.

Abagize kariya kanama bifuje ko iyi nyandiko yagera kuri benshi, cyane cyane ku batuye mu karere ireba, no ku bandi bose bitaye ku bibazo Afrika igomba guhangana nabyo mu bihe bizaza. Uzagira icyo abitekerezaho wese, asabwe kugishyikiriza abagize ako kanama.

«Akanama k'ubwunvikane n'ubwiyunge mu karere ka Afrika y'Ibiyaga Bigari»
c/o Yohani Petero Gontard, Umuyobozi wungirije wa – IUED
Rue Rotschild 24 – Case Postale 136 – 1211 Genève 21, Suisse
Telefoni: 41.22 906-5982 – Fagisi: 41 22 .906-5994.

LISITI Y'ABAGIZE AKANAMA K'UBWUNVIKANE N'UBWIYUNGE MU KARERE K'AFRIKA Y'IBIYAGA BIGARI

BANKABIGERO Anicet
BARAMPAMA Angelo
EGGER Jeanne
FINO Daniel
FROIDEVAUX Dominique
GAHIGI Justin
GASANA James
GONTARD Jean-Pierre
KAHAMAILE Justin
KAREMERA Pierre
KARIMUMURYANGO Jérôme
KAYIGEMA Anicet
MAURER Jean-Luc
MUKARUSAGARA Emilienne
MUKAYUNI Mary
NGABONZIZA Damien
NKANAGU Tharcisse
NOUMBISSIE Hugues
NSENGIYUMVA Marie-Joséphine
NSHIMIRIMANA Pasteur
NTARATAZE BARAMPAMA Daphrose
NURWAHA Spès Caritas
WEGE NZOMWITA Venant
UWAMALIYA Mélanie

IBILI MULI IYI NYANDIKO

Ijambo ly'ibanze 1

1. Itsembabwoko 2

2. Kwica umukuru w'igihugu 4

3. Kumena amaraso y'umuntu 5

4. Kwigarulira amasambu n'amazu by'abandi 7

5. Ikibazo cyihaliye cy'abana bakekwaho kuba baragize uruhare mw'itsembabwoko no kumena amaraso 7

6. Guhugurirwa ibyerekeye uburenganira bw'kiremwa muntu 8

7. Kumenyekesha iyi nyandiko 9

Benshi muri bo binjijwe mu mitwe yitwara nk'abasilikari abandi bashyirwa mu busilikari. Ntibagikozwa kubaha ubuzima bw'undi muntu. Kimwe n'uko bigomba kugenda ku bantu bakuze, abo bana baroshywe mu bwicanyi bagomba kumenyekana bagacirwa urubanza.

Ibyo ari byo byose aliko bagomba kugenerwa inyigisho ngororamuco, zatuma bashobora gusubira kuba bazima. Gufunga abo bana "b'abicanyi" nta kindi ubakoreye byatuma barushaho kugira amakare, bikaba byashobora no kuzagira ingaruka mbi ku baturage bo mu karere.

Ni ikibazo gikomeye gisaba ko hashyirwaho vuba ahantu hihariye abana nk'abo bashobora kujya bonyine bakagira ababakulikira bakabitaho.

6. Guhugurirwa ibyerekeye uburenganira bw'kiremwa muntu

Ibyifuzo byatanzwe kugirango umuco wo kudahana abagizi ba nabi wabaye akarande ucike, bigomba kujyana no guhugurirwa ibyerekeye uburenganzira bw'ikiremwa muntu n'ukwishyira ukizana bidahubanganywa.

Nk'uko amasezerano ya Banjul yo muli 1989 y'Isyirahamwe ry'Afurika ry'amategeko mpuzamahanga abiteganya, iryo hugurwa rishingiye ku ngingo zikurikira :

- kumenyekanisha uburenganzira bw'ikiremwa muntu mu nzego zose z'abaturage;
- gukwiza inyigisho z'uburenganzira bw'ikiremwa muntu no kuziha uruhare runini mu nzego zose z'uburezi n'ubukorikori;
- guhindura mu ndimi zivugwa mu gihugu Amahame mpuzamahanga y'uburenganzira bw'Ikiremwa muntu n'Imigambi y'Afurika y'uburenganzira bw'ikiremwa muntu n'ubw'abaturagihugu.

KUGIRANGO UMUCO WO KUDAHANA ABAGIZI BA NABI WABAYE AKARANDE MU RWANDA NO MU BURUNDI UCIKE BURUNDU

Ibyemejwe n'abagize
Urwunge rw'ubwumvikane n'ubwiyunge
mu
Karere k'Ibiyaga Binini
(Burundi, Rwanda, Uganda na Zaire)

Ijambo ly'ibanze

Hashize igihe kinini kudahana akabi byarabaye akarande mu Rwanda no mu Burundi. Uwo "muco wo kudahana akabi" ufite uruhare runini mu magorwa ali muri ibyo bihugu byombi muri iki gihe. Mu mezi ataha, inzego z'ubucamanza z'u Rwanda n'u Burundi zigomba gukurirana mbere y'ibindi byose ibyaha by'ubwoko bune :

- **itsembabwoko**
- **kwica Umukuru w'Igihugu**
- **kumena amaraso y'umuntu**
- **kwigarulira amasambu n'amazu by'abandi**

1. Itsembatbwoko

Rwanda

Biremezwa hose ko mu Rwanda habaye icyaha cy'itsembabwoko. Hari ibintu bigomba gukorwa bidatinze.

1.1. Gushaka no Kugaragaza abakekwaho icyaha aho babarizwa hose

Kugaragaza abakekwaho icyaha, kimwe no kwandika ibyo baregwa n'ibyo bashinjwa n'ibindi bimenyetso bya ngombwa, bigomba gukorwa n'abategetsi b'u Rwanda babifashijwemo n'amashyirahamwe adaharanira inyungu za politiki n'imiryango itagengwa na Leta yita kw'iyubahirizwa by'uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Ubutegetsi bw'igihugu n'imiryango itagengwa na Leta yo mu mahanga, ariko cyane iyo mu bihugu bikikije u Rwanda bigomba kugira uruhare muri uwo murimo.

1.2. Urukiko rwihariye : Urukiko rw'igihugu rufashijwe n'abacamanza b'abanyamahanga

Kubera ko Urukiko mpuzamahanga rutagiyeho vuba ngo rukore neza, byagirira akamaro abaturage bo mu karere u Rwanda rurimo, ndetse n'abatuye isi yose, Urukiko rwihariye rwo mu gihugu rusuzumye bidatinze ibirego byamaze kwandikwa. Urwo rukiko rwaba rugizwe n'abacamanza, n'impuguke mu kuburanira abantu, bo mu gihugu hagati n'abaturutse hanze bo kunganira abenegihugu. Bibaye ngombwa urwo rukiko rwacira urubanza bamwe mu bagize uruhare rw'itsembabwoko badahari.

3.2. Imanza

Muri iki gihe ubucamanza ntibwigenga haba mu Rwanda haba mu Burundi. Gutoranya abacamanza bashya baturuka mu mirwi yose y'abaturagihugu bagize ako karere, hanyuma bakanigishwa byo guhugurwa muli ako kazi bidatinze, byatuma ibintu birushaho kugenda neza. Byanatuma abaturage bagirira ikizere inzego z'ubucamanza bakumva ko ari intabera koko.

Abaregwa ubu ntibashobora kubona uko bategura imyiregurire yabo (impuguke mu kuburanira abantu ni mbarwa kandi n'aho zaboneka bisaba amafaranga menshi). Inkiko ziburanisha imanza z'urugomo zagombye kwemera ko, muli iki gihe impuguke mu kuburanira abantu ali nkeya, abahagarariye imiryango iharanira iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu babasimbura.

3.3. Ibihano no kubishyira mu bikorwa

Ibihano byateganyijwe mu mategeko y'igihugu yagombye kuzuzwa n'andi y'inyongera. Ku bihano biteganijwe by'urugomo, abacamanza bashobora kwongeraho ibindi nk'indishyi y'akababaro ihabwa imiryango y'abarenganye, kwambura abagizi ba nabi bumwe mu bushobozi buhabwa umunyagihugu utagira amakemwa, gukoza isoni ku mugaragaro igihe kirekire cyangwa gufungishwa ijisho imuhira, n'ibindi.

4. Kwigarulira amasambu n'amazu by'abandi

Ihame ry'uko ntawe ugomba kwamburwa ibye rigomba kwongera kwemezwa ligashimangirwa. Ibyo byagirwa n'Ubutegetsi bwa Leta zo mu karere. Gutiza amasambu n'amazu bitarimo ba nyirabyo byaba ihame ari uko byemejwe n'urwego rw'ubucamanza rwabigenewe kandi rufite urugenzura. Urwego rw'ubutegetsi rushinzwe gucunga ibintu byavuyemo ba nyirabyo rwagombye gushyirwaho vuba mu Rwanda no mu Burundi. Abantu badafite uko bigira bonyine nibo bari bakwiye gutizwa amazu cyangwa imirima.

Ihame ry'uko abagiliwe nabi n'itambara bagombye kubona impozamarira rigomba kwemezwa. Uwishe umuntu cyangwa uwakoshereje undi niwe bazaheraho baka impozamarira. Leta igomba guteganya inyongera, rimwe na rimwe ndetse ikaba ariyo ishumbusha umuntu, cyane cyane ku bibazo by'amazu yo guturamo haba mu migi cyangwa mu byaro. Hagomba gushyirwaho vuba ikigega mpuzamahanga, imicungire yacyo igahurirwaho na Leta, imiryango itagengwa na Leta kandi idaharanira inyungu za politki, n'abashyizemo amafranga.

Imanza z'amasambu n'amazu zitazashoboye gukemurwa na gacaca nizo gusa zali zikwiliye gushyikirizwa ubucamanza.

5. Ikibazo cyihaliye cy'abana bakekwaho kuba baragize uruhare mw'itsembabwoko no kumena amaraso

Abana ibihumbi n'ibihumbi bagize uruhare mu bwicanyi n'itsembatsemba. Abantu bakuru barabashutse, babaha ibiyobyabwenge nk'urumogi cyangwa inzoga, babapakiramo ibitekerezo, bagirango kwica kuri bo bisigare ari nk'umukino.

1.3. Kugarura mu Rwanda abashinjwa icyaha cyangwa kubaburanishiriza aho bali inyuma y'igihugu

Bamwe mu bakoze itsembatsemba bari inyuma y'igihugu. Bagomba gushyikirizwa ubucamanza mu Rwanda. Kuba nta masezerano ibihugu barimo byagiranye n'u Rwanda ntibigomba kuba urwitwazo rwo gutuma abakekwaho kuba baragize uruhare mw'itsembabwoko badafatwa ngo bashyikirizwe ubutegetsi bubishinzwe. Ku bihugu bimwe bidashobora cyangwa bidashaka kugarura mu Rwanda abakekwaho ibyaha, ni ngombwa ko bibacira imanza hakurikijwe amategeko y'ibyo bihugu barimo.

1.4. Gusaza kw'icyaha n'imbabazi nsibagihano

Icyaha cy'itsembatsemba ntigisaza ngo gisibangane kandi ntigitangirwa imbabazi nsibagihano.

Burundi

1.5. Ku byerekeye u Burundi tuzi ko ubwicanyi buteguwe kandi bwibasiye ubwoko bumwe bwakozwe muri icyo gihugu kuva muri 1965. Ubwo bwicanyi bw'itsembambaga busa ni itsembabwoko. Kubera iyo mpamvu, ibyavuzwe ku Rwanda bigomba gukulikizwa no mu Burundi. Ni ukuvuga nk'ubufatanye bw'amahanga mu gukora ipererereza, gushyikiriza inkiko zo mu gihugu abakekwaho icyaha bari mu mahanga, kudasaza kw'icyaha no kudahanagurwa kwacyo n'imbambazi nsibagihano. Abagize uruhare rw'itsembambaga bari inyuma y'igihugu bagomba gushyikirizwa ubucamanza bw'u Burundi. Niba ibyo bidashoboka, ni ngombwa ko bacirwa urubanza mu bihugu balimo, hakurikijwe amasezerano mpuzamahanga yo kubahiliza ikiremwamuntu, n'ayo kubuza kwica agashinyaguro.

2. Kwica Umukuru w'Igihugu

Abakuru b'igihugu babili b'u Burundi n'umwe w'u Rwanda barishwe hagati y'ukwezi kw'Ukwakira 1993 n'ukwa Mata 1994. Ibyo byaha biri mu rwego rw"urugomo kandi bikaba bihungabanya itegeko nshinga. Kugeza ubu ntawigeze abihanirwa.

2.1. Kugaragaza abicanyi no gukora ipererereza

Ni ngombwa kugaragaza abakoze buriya bugome n'ibyitso byabo, n'ababuteguye, baba abanyagihugu cyangwa abanyamahanga. Ipererereza rigomba gukorwa n'abategetsi b'igihugu; bashobora kwifashisha imiryango yo mu gihugu idaharanira inyungu za politiki. Birashoboka ko abategetsi b'ibihugu baba badafite uburyo cyangwa se ubushake bwo gukora neza iryo pererereza. Icyo gihe ni ngombwa kwitabaza imiryango mpuzamahanga y'akarere cyangwa y'isi yose (Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika, Umuryango w'Abibumbye, n'iyindi). Kubera ko icyo cyaha gikomeye n'ukuntu gukora iryo pererereza biruhanyije, icyaha cyo kwica umukuru w'igihugu nticyagombye gusibangana mbere y'imyaka 15.

2.2. Inkiko zaburanisha izo manza

Amategeko y'igihugu niyo agomba gukulikizwa mw'icibwa ry'izo manza. Inkiko zishobora kuba izisanzwe mu gihugu (Urukiko rw'Ikirenga cyangwa ururinda iremezo ry'itegeko nshinga) cyangwa urundi rukiko rwashyirwaho kubera iyo mpamvu. Ubwigenge bw'abacamanza no kuburanishirisha izo imanza mu ruhame no ku mugaragaro ni ngombwa. Hagomba kuba abantu baturutse mu bihugu byo muli ako karere n'aboherejwe n'imiryango mpuzamahanga bakurikirana izo manza ku buryo bw'indorerezi.

2.3 Ibihano

Amategeko y'igihugu niyo ashingirwaho mw'icibwa ry'ibihano. Abateguye umugambi wo kwica umukuru w'igihugu n'abamwishe ntibagomba kugirirwa imbabazi nsibagihano.

2.4. Kugarura mu gihugu abakekwaho icyaha

Kuba nta masezerano ibihugu bifitaniye yo kugaruza mu gihugu imbere abagizi ba nabi bakili inyuma ntibigomba kuba urwitwazo rwo kudafata cyangwa kudashyikiriza ubutegetsi bubishinzwe abakekwaho kuba barishe umukuru w'igihugu.

3. Kumena amaraso y'umuntu

Abantu bakuze n'abakili bato kimwe n'urubyiruko ibihumbi n'ibihumbi bakoze kandi baracyakora ibyaha byo kumena amaraso y'abandi bantu. Ibyo byaha bihanwa n'inkiko zo mu bihugu zica imanza z'urugomo (Rwanda, Burundi, Zayire, Tanzaniya). Abakoze ibyo byaha bagomba guhanwa. Bagomba gucibwa ibihano bikwiranye n'ibyaha bakoze biciye mu kuri bitali ku mujinya.

3.1. Kugaragaza abakekwaho icyaha no kubashinja bifite aho byanditswe

Kugaragaza abakekwaho icyaha n'ababoheje byaratangiye kandi byagombye gukomeza hakurikijwe amategeko yo mu gihe cy'amahoro. Gukoranya urutonde rw'ibirego baregwa byagombye gukorwa n'abacamanza b'abenegihugu bakifashisha ibikoresho biturutse hanze igihe amikoro akili make kandi bakabifashwamo na bagenzi babo b'abanyafurika. Buri muntu uregwa yagombye kugira aho ibyo aregwa byanditse kandi agafatwa ari uko bitegetswe n'umugenzacyaha utali umusilikali.

Iryo hugurwa rigomba kubanza kwihatira kumenya bimwe mu bigize umuco w'igihugu biha agaciro n'icyubahiro ikiremwa muntu akaba ali byo lishingiraho.

Iryo hugurwa ryatangwa n'igihugu mu nzego z'uburezi, n'ubucamanza; imryango itagengwa na Leta ali iyo mu gihugu cyangwa iyo mu karere nayo ilifitemo uruhare; bibaye ngombwa imiryango mpuzamahanga ikaba yabitera inkunga mu gutanga imfashanyo.

Abaturage bagombye kumenyeshwa uburenganzira bwabo n'amategeko bagomba kubahiriza bijyanye n'amategeko y'igihugu cyabo kandi mu buryo bworoshye kumva; kumenyeshwa aho ubucamanza butagomba kurenga mu kubahiriza amategeko igihe barezwe cyangwa bafunzwe; kwigishwa uburyo bwo gukemura impaka biciye mu rwego rw'ubucamanza aho gukoresha urugomo.

7. Kumenyekesha iyi nyandiko

Urwunge rw'ubwumvikane n'ubwiyunge mu Burundi, Rwanda, Uganda na Zaire rurifuza ko iyi nyandiko yatangazwa cyane cyane muli ibi bihugu nyine; ikanagera ku muntu wese cyangwa umuryango ushishikajwe n'uko Afurika yazamererwa neza mu bihe biri imbere. Igitegekerezo, cyaba icyo kunegura ibili muli iyi nyandiko cyangwa kugira icyo uyongeraho, icyo ari icyo cyose, kizakirwa neza kandi kigezwe ku bayanditse bose. ❐

Genève, Taliki 14 Ukuboza 1994